MINISTRY OF FOREIGN AFFAIRS AND COOPERATION

DIASPORA GENERAL DIRECTORATE

DIASPORA E-NEWSLETTER No. 16/2008

17th- 21th November 2008

NUMERO SPECIAL

Diaspora nyarwanda ku isi yose ikomeje kwamagana ifatwa rya Madamu Rose Kabuye.

Muri iki cyumweru abanyarwanda ibihumbi nôibihumbi bari imbere mu gihugu nôabari muri Diaspora bitabiriye imyigaragambyo yo kwamagana ifatwa rya Madamu Rose Kabuye wafatiwe mu Budage ku itariki ya 9/11/2008. Abanyarwanda bo muri Diaspora ku isi hose cyane ku mugabane wôUburayi nabo bitabiriye iki gikorwa cyo kwamagana Leta yôUbufaransa ni iyôUbudage kandi bifatanya na Madamu Rose Kabuye .

DIASPORA /UK

Abanyarwanda batuye mu Bwongereza bakoze iyi myigaragambyo kuwa kabiri tariki ya 18/11/2008 imbere ya Ambasade yôUbudage mu mugi wa Londres.

DIASPORA/SWEDEN

Abanyarwanda batuye muri SWEDEN nabo bakoze imyigaragambyo ku wa kabiri itariki ya 18/11/2008 bamagana ifatwa rya Madamu Rose Kabuye mu BUDAGE. Iyi myigaragambyo ikaba yarabereye kuri ambasade yôUBUFARANSA nôyôUBUDAGE.

DIASPORA /NORWAY

Abanyarwanda batuye muri Norway bo bakoze imyigaragambyo ku wa kane itariki ya 20/11/2008, nyuma yôumunsi Madamu Rose Kabuye ajyanywe mu Bufaransa. Iyi myigaragambyo yabereye kuri Ambasade yôUBUFARANSA nôuyu UBUDAGE.

DIASPORA/ HOLLAND

Abanyarwanda batuye mu BUHOLANDI bazakora imyigaragambyo mu mahoro ku itariki ya 25/11/2008 imbere yôAmbasade yôUBUFARANSA mu BUHOLANDI.

Abanyarwanda batuye mu Buholandi bakaba bazohereza ababahagarariye kwifatanya n'abandi bazigaragambya i Paris ku ya 22/11/2008 n'i Buruseri ku ya 26/11/2008.

DIASPORA/CANADA

Diaspora ya Canada yakoze imyigaragambyo kuwa gatanu taliki ya 21/11/2008. Gahunda y'imyigaragambyo ikaba yari iteganyijwe gutya :

Saa ine (10:00) : Guhurira kuri Ambasade y'Abadage: 1 Waverley str, Ottawa (down town).

Saa sita n'igice (12:30) Kuri Ambassade y'Abafaransa: 42 Sussex Dr, Ottawa

Hakaba Haremejwe kandi kuzungurutsa petition, ikaba yaratangiye. Ikindi n'ibaruwa izandikwa mw'izina ry'Abanyarwanda batuye muri Canada ikagezwa ku buyobozi bwa Ambasade y'Ubudage n'iy'Ubufaransa, n'inyandiko zizashyirwa mu binyamakuru.

DIASPORA/ PRETORIA

Abanyarwanda batuye mu gihugu cya Afurika y'Epfo bazakora imyigaragambyo kuwa gatatu tariki ya 26/11/2008. Ikaba izatangira saa yine irangire saa sita.

DIASPORA/UGANDA

Imyigaragambyo yakozwe ku wa kane tariki ya 20/11/2008 i kampala. Ikaba yarateguwe na Global Panafrican Forum ifatanyije n'abanyarwanda baba muri iki gihugu, ibera imbere y'Ambasade y'Ubudage n'iy'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi (EU).

Hanatanzwe kandi Petition kuri parliament bayiha Speaker wa Parliament.

DIASPORA/BELGIQUE

Abanyarwanda baba mu mu gihugu cy'Ububiligi barateganya gukora imyigaragambyo ku wa kuwa gatatu tariki ya ku wa 26/11/2008 i Buruseli.

DIASPORA/GERMANY

Abanyarwanda benshi bakoze imyigaragambyo ku wa mbere tariki ya 17/11/2008 mu mugi wa Francfort, ariho Madamu Rose Kabuye yari afungiwe guhera 11h00-15h00.
Aba banyarwanda bakaba bari kumwe n'abandi bavuye muri, Belgique , Suisse n'inshuti z'u Rwanda n'abandi. Agashya bakoze ni ukwandika Carte postale nini iriho imikono yabo bose yo gushyikiriza Rose Kabuye.

DIASPORA FRANCE

Nyuma y'uko abanyarwanda benshi bitabiriye kwakira Madamu Rose Kabuye ubwo yageraga i Paris mu rwego rwo kumushyigikira no kwamagana akarengane yagiriwe n'Ubufaransa. Ku itariki ya 22/11/2008 hateganyijwe inyigaragambyo izakorwa ku bufatanye n'abandi bazaturuka mu bihugu bitandukanye.

DIASPORA/DANMARK

Abanyarwanda baba muri iki gihugu bakoze imyigaragambyo banatanga Protest note ku gatatu tariki ya

19/11/2008, guhera yine kugeza saa saba zâamanywa.

DIASPORA/FINLAND

Imyigaragambyo yâabanyarwanda baba mu gihugu cya Finland yo izaba ku itariki ya 26/11/2008 imbere ya zâAmbasade zôUbufaransa nô Ubudage, saa tanu zâamanywa.

ABANDI

Abanyarwanda batuye mu bindi bihugu binyuranye ku isi bakomeje gukora online protests and petitions, aha ni nko mu Busuwisi,Ubutariyani.

Andi makuru mwayasanga kuri:
www.sovereignrwanda.org
http://www.rosekabuye.net.